## Amashyaka ya Tshisekedi na Vital Kamerhe niyo yatsindiye ubwiganze mu nteko ya DR Congo

https://www.bbc.com/gahuza



AHAVUYE ISANAMU,PRESIDENCE RDC

*Perezida Tshisekedi na ministiri w'ubucuruzi Vital Kamerhe*

Komisiyo y'amatora ya DR Congo yatangaje ibyavuye mu matora y'abadepite b'inteko ishingamategeko y'igihugu aho ishyaka UDPS rya Félix Tshisekedi ryabonye imyanya myinshi rikurikirwa n'irya Vital Kamerhe, mu gihe ishyaka rya Moïse Katumbi utavuga rumwe n'ubutegetsi ryabonye imyanya 18.
UDPS rya Tshisekedi ryabonye **9,26%** ryegukana imyanya **69,** rikurikirwa na A/A-UNC rya Vital Kamerhe ryabonye imyanya **36,** AFDC-A rya perezida wa sena ya DRC Modeste Bahati Lukwebo n'imyanya **35,** na AB rya minisitiri w'intebe Sama Lukonde n'imyanya **26.**
Vital Kamerhe, wabonye ubwiganze bw'amajwi mu ntara ya Kivu y'Epfo aho akomoka, afatwa nk'umuntu wa hafi cyane wa Tshisekedi, Kamerhe wahoze ari perezida w'inteko ishingamategeko ubu akaba ari minisitiri w'ubucuruzi, ubu ishyaka rye ni irya kabiri mu yafite ubwiganze mu nteko.
Menshi mu mashyaka muri 44 yabonye imyanya mu nteko ishingamategeko nayo afatanya cyangwa ashyigikiye perezida watowe Tshisekedi cyangwa se ishyaka rye UDPS.

Ishyaka Ensemble pour la Republique rya Moïse Katumbi ryaje ku mwanya wa cyenda n'imyanya **19** mu nteko y'abadepite **477** batangajwe kuri **500** baba bagize umutwe w'abadepite.
Bisobanuye ko perezida watowe Felix Tshisekedi azaba afite ubwiganze busesuye mu nteko ishingamategeko yatowe.
Komisiyo y'amatora ivuga ko ibi byatangajwe ari iby'agateganyo, abatowe bakazemezwa ku buryo bwa burundu tariki **12** z'ukwezi kwa Werurwe (3).

Amashyaka yose hamwe 44 niyo nibura yagejeje ku mwajwi yasabwaga ku rwego rw'igihugu angana na **179,765 (1%)** kugira ngo agire umwanya nibura umwe mu nteko ishingamategeko.

Andi mashyaka agera kuri 25, arimo Alliance des Congolais pour la Réfondation de la Nation (ACRN) rya Denis Mukwege cyangwa LGD rya Matata Ponyo wigeze kuba minisitiri w'intebe, ntabwo yagejeje kuri ayo majwi bityo nta mwanya yabonye mu nteko ishingamategeko.

Amashyaka n'abakandida batavuga rumwe n'ubutegetsi bakomeje kunenga ibyavuye muri aya matora bita ko yaranzwe "n'uburiganya bukabije".

Abadepite bagomba gutorwa bose hamwe (500) urutonde rwabo ntirwuzuye kuko hari ibice bimwe na bimwe amatora yasheshwe kubera ubujura bw'amajwi mu ntara za Kwilu na Nord-Ubangi, n'ibice amatora atabayemo kubera umutekano mucye nk'i Kwamouth mu ntara ya Maï-Ndombe n'i Masisi na Rutshuru mu ntara ya Kivu ya Ruguru.

**Amashyaka 10 ya mbere n'imyanya yabonye mu nteko:**

- UDPS - Tshisekedi : **69**
- A/A UNC - Kamerehe : **36**
- AFDC/A - Modeste Bahati Lukwebo **: 35**
- AB – Sama Lukonde : **26**
- Ihuriro 2A/TDC : **21**
- Ihuriro AAAP : **21**
- A/B50 - Julien Paluku : **21**
- MLC – Jean Pierre Bemba : **19**
- Ensemble - Moïse Katumbi : **18**
- AACPG - Pius Muabilu Mbayu Mukala**: 16**